

ASb
approved



Counting cabbages

Penelope Smith
Magriet Brink

Kubara amashu

Jean Paul Harelimana
Magriet Brink

English / Kinyarwanda



Mama Kagabo has been harvesting cabbages all week. Mutesi, Muneza, and Dukuze help Mama Kagabo in her vegetable garden on Saturday mornings. Today the children are going to help with counting and packing the cabbages. Then Baba Kagabo will take boxes of cabbages to sell at the market.

Mama wa Kagabo amaze icyumweru cyose asarura amashu. Buri wa gatandatu Mutesi, Muneza na Dukuze bafasha mama wa Kagabo gukora imirimo yo mu murima. Uyu muni, aba bana baramufasha kubara amashu no kuyapakira mu makarito. Nibarangiza, se wa Kagabo arayajyana ku isoko kuyagurisha.




The taxi drops off the children at the garden gate. They can see the huge heap of cabbages piled up near Baba Kagabo's old truck. "Yo! What a lot of cabbages!" says Mutesi pointing. "There must be a thousand cabbages there!" laughs Dukuze. "No way! Two hundred at the most!" disagrees Muneza.

Abo bana bateze tagisi, ibasiga hafi y'umurima w'imboga. Bakiva muri tagisi batangajwe no kubona ikirundo kinini cy'amashu hafi imodoka ishaje ya se wa Kagabo. Mutesi yariyamiriyeye ati: "Mbega amashu menshi!" "Byanze bikunze aragera ku gihumbi," Dukuze araseka. Muneza aramuhakanya ati: "Ntibishoboka! Abaye menshi yaba ari nkamagana abiri gusa."



Mama Kagabo is waiting at the gate. "Hello everyone, I'm happy to see you!" she greets the children. "Now let's get to work. You'll need to count the cabbages and put them into boxes, 12 cabbages in each box. I have 20 boxes. Two of you can each pack 7 boxes and one of you can pack 6 boxes."

Mama wa Kagabo yari abategerereje n'ubwuzu bwinshi nuko arabasuhuza ati: "Murakaza neza bana bange! Nishimiye kubabona mwese hano. Mureke tujye ku murimo. Mugomba kubara amashu cumi n'abiri muyashyira mu makarito yabugenewe. Mfite amakarito makumyabiri. Babiri muri mwe murapakira amakarito arindwi umwe umwe, hanyuma umwe usigaye arapakira amakarito atandatu."



The children stand around the pile of cabbages. They talk about different ways to count the cabbages. "I think I will count mine in 2s," Mutesi says. "I like counting in 4s," says Dukuze, "it's quicker." "I'm going to count in 3s, just to be different!" pipes up Muneza.

Abana bagze ku kirundo cy'amashu batangiyeye kumvikana uko baribuze kuyabara. Mutesi aravugaga ati: "Ayange ndayabara abiri abiri." Dukuze aravugaga ati: "Jyewe ngiyeye kubara ane ane ni byo byihuta." Muneza ati: "Jyewe ndabara atatu atatu simbara nkamwe."



Soon the children have filled 20 boxes. "Good work!" exclaims Mama Kagabo. "Look, there are some cabbages left over. My pigs love cabbages so let's share these with them," she suggests. "How many cabbages did you pack into boxes? How many cabbages were left over?" she asks the children.

Mukanya gto abana bari bujuje amakarito makumyabiri. Mama wa Kagabo arabashima ati: "Mwakoze neza cyane." Arakomeza ati: "Ko ndeba hari amashu yasagutse." Yigira inama yo kuyagaburira ingurube ze kuko ziyakunda cyane. Abaza abana ati: "Mwapakiye amashu angahe mu makarito? Ayasigaye angana iki?"



The next job is to write the price on each box and then help Baba Kagabo load the boxes on his truck. They must put half the boxes on one side of the truck and half on the other side, to balance the load.

Akazi gasigaye ni ukwandi ibiciro ku makarito no gufasha papa kagabo gupakira ayo makarito mu modoka Mugomba gupakira amakarito icumi mu ruhande rumwe rw'imodoka, andi icumi mu rundi ruhande kugira ngo atwarike neza.



"We're almost done!" says Baba Kagabo.
"Let's see, how many more boxes must we still put on each side to balance the load?"

Papa wa Kagabo aravuga ati: "Turi hafi kurangiza. Reka turebe umubare w'amakarito tugomba gushyira muri buri ruhande kugira ngo imizigo igende neza."



Soon all 20 boxes are loaded onto the truck. Baba Kagabo warms up the engine and drives off to market. "If I can sell all the boxes," he thinks to himself, "I'll have enough money to fix the pig pen and get a surprise for the children!"

Nyuma y'umwanya muto, amakarito yose uko ari makumyabiri yari yapakiwe mu modoka. Se wa Kagabo imodoka ayiha umuriro yerekeza ku isoko. Yaribwiye ati: "Nindamuka ngurishije aya makarito yose, nzabona amafaranga yo kuvugurura ikiraro k'ingurbe zange, ntungure n'abana bange mbagurira ibintu byiza."



Back at the farm, Mama Kagabo and the children water plants and rake leaves. By twelve o'clock they are all tired. Mama Kagabo tells them, "It's time for your treat. Can you guess what I have for you today?"

Basubiye mu murima, mama wa Kagabo n'abana buhira ibihingwa baranabyufira. Byageze saa sita zuzuye bose bananiwe. Mama wa kagabo arababwira ati: "Igihe cyo kujya kuruhuka kirageze; mwafindura icyo nabahishiye uyu munsi?"




She goes inside to fetch their surprise. The children wait patiently for her to return while they guess what she might bring them. When she comes down the path her apron pockets are bulging!

Yihinnye mu nzu ajya kubazanira utuntu yari yabahishiye. Abana bategereje n'amatsiko menshi bashaka kureba icyo abazanira. Yagarutse yahishe ibyo bintu mu itaburiya.



"Let's see if you guessed right! What's in store for you today?" Mama Kagabo tips out her apron pockets and a pile of apples falls onto the table. "See, I was right!" Dukuze squeals. Mama Kagabo tells the children, "Now remember the rule. Share fair! No one is to get more or less than the other!"

Mama wa Kagabo aje arababaza ati: "Ni nde wafora ibyo mbazaniye?" Nuko ahita afungura itaburiya, pome zisesekara ku meza. Dukuze ariyamira ati: "Nari nabifoye." Nuko nyina abwira abana ati: "Mwibuke ko mugomba kugabana mukaringaniza, ntihagire uryamira abandi."




First the children count the apples in 2s. They count: 2, 4, 6, 8, 10, 12, 14, 16, and 1 apple left over. Altogether there are 17 apples.

Abana babaze pome ebyiri ebyiri inshuro umunani, hasigara imwe kuko zose hamwe zari 17.



Next, they share out the apples equally. There are 2 apples left over. The children then put their apples in their bags to take home. How many does each child get?

Hakurikiyeho kugabana ntwawe uryamiye abandi nuko hasigara pome ebyiri. Abana bashyize pome zabo mubikapu bajya mu rugo. Ubwo buri wese yatahanye zingahe?




"Let's cut the 2 apples to share between us," suggests Dukuze. "How many parts of the apple will we each get?" asks Mutesi. "I know the answer !"smiles Muneza.

Dukuze yabagejejeho igitekerezo cye ati:
"Nimureke izi pome ebyiri zasigaye
tuzisaturemo ibisate tubigabane. Mutesi.
arabaza ati: "Ubwo buri wese aratwara ibice
bingahe?" Muneza. aramwenyura ati: "Nzi
igisubizo."



Just then Baba Kagabo arrives home from market. The truck is empty and Baba Kagabo is smiling. "I sold all the cabbages. Now I can fix the pig pen and buy you that soccer ball you wanted. "Yay!" shout the children.

Muri ako kanya Papa wa Kagabo aba araje avuye ku isoko. Imodoka yarimo ubusa; Papa wa Kagabo avugana akanyamunea ati: "Amashu yose bayaguze. Ubu noneho nshobora gusana ikiraro k'ingurube zange, namwe nkabagurira umupira wo gukina mwashakaga." Abana babyakirana ibyishimo bati: "Urakoze papa!"



You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:
Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Counting cabbages /Kubara amashu

Author/Umwanditsi -- Penelope Smith

Translation/Ubuhinduzi-- -- Jean Paul Harelimana

Modified by/Byahinduwe na -- Francine Muhawenimana

Illustration/Icyitegererezo -- Magriet Brink

Language/Ururimi -- English/Ikinyarwanda

Level/Urwego -- Longer paragraphs/Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2016

Creative Commons: Attribution 4.0 /Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Source/Inkomoko www.africanstorybook.org

2025.04.04